RWANDA UTILITIES REGULATORY AUTHORITY

P.O BOX 7289 KIGALI, Tel: +250 252584562, Fax: +250 252584563

Email: info@rura.rw
Website: www.rura.rw

ICYEMEZO Nº001/BD/RD-TRP/RURA/016 CYO KUWA 20 GICURASI 2016 KIVANAHO URUHUSHYA RWO GUTWARA ABANTU N^{O}: RURA/TR/ROAD/L466 RWA SOTRA TOURS & TRAVEL AGENCY LTD

ICYEMEZO Nº001/BD/TRP/RURA/016 CYO KUWA 20 GICURASI 2016 KIVANAHO URUHUSHYA RWO GUTWARA ABANTU N^{O}: RURA/TR/ROAD/L466 RWA SOTRA TOURS & TRAVEL AGENCY LTD

Inama Ngenzuramikorere y'Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro mu nama yayo idasanzwe yo kuwa 20 Gicurasi 2016;

Ishingiye ku Itegeko N°09/2013 ryo kuwa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye igihugu akamaro (RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere, n'imikorere byarwo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4 n'iya 6;

Ishingiye ku mabwiriza Nº 007/TRANS/RT/RURA/2015 yo kuwa 01/06/2015 agena imikorere y'umurimo wo gutwara abagenzi ku butaka bw'u Rwanda cyane cyane mu ngingo yayo ya 26, 27 n'iya 28;

Ishingiye kuri raporo y'igenzura ryakorewe SOTRA TOURS AND TRAVEL AGENCY LTD n'itsinda ry'abakozi ba RURA ryashyizweho kuwa 15/03/2016 nyuma yo kugezwaho ibibazo binyuranye n'abafatanyabikorwa b'iyo sosiyete;

Imaze kubona ko SOTRA TOURS AND TRAVEL AGENCY LTD yasabwe kwisobanura mw'ibaruwa Nº 1111/DG/RD-TRP/RURA/016 yo kuwa 28/04/2016 yandikiwe n'Umuyobozi Mukuru wa RURA;

Imaze gusuzuma ibisobanuro mu nyandiko SOTRA TOURS AND TRAVEL AGENCY LTD yatanze mw'ibaruwa yayo yo kuwa 03/05/2016;

Imaze no kumva ibisobanuro mu magambo by'Umuyobozi wa SOTRA mu nama yayo yo kuwa 20 Gicurasi, 2016;

Ifashe icyemezo gikurikira:

<u>Ingingo ya mbere</u>: Ivanwaho ry'uruhushya rwo gutwara abantu NºRURA/TR/ROAD/L466

Uruhushya rwo gutwara abantu Nº RURA/TR/ROAD/L466 rwahawe SOTRA TOURS & TRAVEL AGENCY LTD kuwa 01/09/2014 ruvanyweho.

<u>Ingingo ya 2:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cy'ivanwaho ry'uruhushya rwo gutwara abantu.

Umuyobozi Mukuru wa RURA asabwe kumenyesha SOTRA TOURS & TRAVEL AGENCY Ltd ivanwaho ry'uruhushya yari yarahawe rwo gutwara abantu rwavuzwe mu ngingo ya mbere y'iki cyemezo.

Umuyobozi Mukuru wa RURA asabwe kandi gufata ibyemezo byose bikenewe kugira ngo imirimo yo gutwara abantu mu nzira SOTRA TOURS & TRAVEL AGENCY LTD yakoreragamo idahungabana.

Ingingo ya 3 : Igihe iki cyemezo gitangira kubahizwa

Iki cyemezo kizatangira kubahirizwa ku munsi gitangarijweho.

Kigali, kuwa 20 Gicurasi, 2016

(sé)
Eng. Coletha U. RUHAMYA
Perezida w'Inama Ngenzuramikorere

(sé)
Eugène KAZIGE
Uwungirije Perezida

(sé)
Etienne NTAGWIRUMUGARA
Ugize Inama Ngenzuramikorere

(sé)
Judith MBABAZI
Ugize Inama Ngenzuramikorere

(sé)
Liliane U. MUPENDE
Ugize Inama Ngenzuramikorere

(sé)
Patrick NYIRISHEMA
Ugize Inama Ngenzuramikorere/Umwanditsi